**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURWANYA IBYAHA BY'UBWAMBUZI BUSHUKANA N'IBYAHA BIKORESHEJWE IKORANABUHANGA**

**-Nyakubahwa Muyobozi w'Umujyi wa Kigali,**

**-Nyakubahwa Umunyamabanga Mukuru wa RIB,**

**-Nyakubahwa Umushinjacyaha Mukuru,**

**-Bayobozi mwese muteraniye hano,**

**-Abaturage b'Umujyi wa Kigali muteraniye hano,**

Ndabashimira ko mwabashije kwitabira iyi gahunda igamije ubukangurambaga ku kurwaya ibyaha by'ubwambuzi bushukana n'ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga.

Kurwanya ibyaha muri rusange n'icyaha cy'ubwambuzi bushukana n'ububeshyi n'ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga mu Rwanda bikwiye kuba ibya buri wese, by'umwihariko abayobozi n'abavuga rikumvikana kuko igihugu kirimo ubujura gahunda zose z'iterambere ziradindira.

Ubwambuzi bushukana n'ububeshyi n'ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga n'ibyaha by'inzaduka biba bigamije kwiba abantu bikabatwara utwabo bikaba bikorwa mu buryo bwinshi kandi bikagaragara mu nzego zose z'imibereho n'iterambere. Bigira ingaruka nyinshi ku gihugu, ubukungu, ku buzima bw'abantu nibyo batunze, bishora abantu mu madeni. Aho ibi byaha byageze nta mushoramari uhifuza kuko nta nyungu n'umutekano w'amafaranga ye aba ahabona.

Birababaje kuba usanga hari abantu cyane cyane mu mijyi bigize abatekamutwe biyitirira imirimo badakora bakabeshya abantu ko batanga akazi bagamije kubambura utwabo, hari abiyitirira ibigo cyane cyane ibya Leta bagatanga "bon de commande" z'impimbano z'ibicuruzwa bikenewe ndetse bagatanga impapuro z'impimbano za banki berekana ko bamaze kwishyura, ababeshya abantu kuri za telefoni bababwira inkuru zitandukanye ariko bikarangira babasabye amafaranga, abohereza ubutumwa ngo mwatsindiye amafaranga cyangwa ibindi bihembo bagasaba imyirondoro n'ibindi byose bagamije gutwara amafaranga y'abantu.

Umuntu wese wiyita umunyamujyi kubera imitwe, amayeri, ibinyoma, uburiganya bituma atwara utw'abandi nta munyamujyi umurimo. Ni umugizi wa nabi kandi iminsi ye atarafatwa irabaze. Umunyamujyi muzima ni ufite ubwenge bwa kuba mu mujyi, ukoresha amaboko n'ubwenge bye gufasha abantu benshi baba mu mijyi, bakamuhemba akabona amafaranga amutunga atagombye kwiba.

Ejo hazaza h'u Rwanda hazava mu guhuza imbaraga, abantu bose bakarwanya ibyaha mu buryo bwose nta kujenjeka. Twese nk'abafata ibyemezo dufatanyije n'abaturage bacu dukwiye kurwanya ibi bikorwa kubera ko iterambere ry'Igihugu cyacu, umutekano n'ejo hazaza h'abana bacu ni icyo bizashingiraho.

By'umwihariko igihugu cy'u Rwanda turimo kubaka gishingiye ku ihame ry'umutekano usesuye ku muntu n'ibintu mu gihugu hose, igihe cyose. Dufite rero inshingano zo gutuma ibi bigerwaho. Twese tugomba kugengwa n'amategeko

kimwe, uyarenzeho akabibuzwa nanone n'amategeko, tukubaka uwo muco wo kubahiriza no kugengwa n'amategeko.

Kurwanya ibi byaha ntibyagerwaho, ababigizemo uruhare badashyikirijwe inzego z'ubutabera kugira ngo bahanwe kandi nta rwego rwakora rwonyinye hatabayeho kuzuzanya kw'inzego zose zaba iza Leta, imiryango itegamiye kuri Leta n'izabikorera ku giti cyabo. Hakenewe inkunga ya buri wese ku bijyanye cyane cyane no guhanahana amakuru kuri ibi byaha ndetse n'ibindi, haba ibitarakorwa mu rwego rwo kubikumira cyangwa ibyarangije gukorwa kugira ngo ababigizemo uruhare bashyikirizwe inzego z'ubutabera

Leta y'u Rwanda yafashe ingamba zinyuranye zo gukumira ibi byaha hifashishijwe cyane cyane uburyo bwa **"*Community Policing*"** mumaze kumenyera. Ubu buryo bukomeje gutezwa imbere ntibugifite akamaro mu mibanire y'abaturage gusa ahubwo bwageze aho umuntu aho ari hose aba ijisho rirwanya icyaha.

Hakenewe ubukangurambaga bugera kuri buri wese, bugamije kwigisha uko ibi byaha bikorwa no gukangurira abantu kuba inyangamugayo. Kurwanya ibi byaha bigomba gukorwa mu bufatanye kuko nta wabirwanya wenyine ngo abishobore ibi byose bigakorwa hagakurikijwe amategeko.

Nagira ngo nsoze nshimira Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha ubunyamwuga bakomeje kugaragaraza mu kugenza ibyaha muri rusange muri iki gihe cy'umwaka umwe rumaze rushyizweho ndetse na Polisi y'Igihugu bakorana bya hafi umunsi ku wundi mu gukumira no kurwanya ibyaha.

Nkaba nshimira abafatanya bikorwa bose biyemeje mu gufatanya natwe muri uru rugamba rwo kurwanya ibyaha, mbizeza ko Leta y'u Rwanda itazigera itezuka muri uru rugamba kandi mbabwira ko nidukomeza gushyira hamwe nta kabuza uru rugamba tuzarutsinda.

**Murakoze, mugire umunsi mwiza.**